




PreK 4 ME Uguhuza Imiryango
IGICE CYA 2: INSHUTI

Ishusho rusange y'igice cya 2: Inshuti

Muri uku kwezi tuzigira hamwe ibirebana n'ubushuti, uko dukemura amakimbirane, kuba inshuti nziza icyo bivuze ndetse n'uburyo bwo gufasha no gufashanya mu ishuri. – ndetse no murugo. Tuzibanda ku kureba uko dukina na bagenzi bacu, uko dusangira ibikoresho n'uburyo dukemura amakimbirane iyo abayeho.

Tuzatangira kandi no kwiga uko amagambo akurikiranye ahuza ijwi ndetse n'amajwi inyuguti zifite mu ndirimbo, ibisigo, no mu bitabo. Abana bazatangira kubona ibikoresho bibafasha kwandika batangire kwiga kwandika babicishije mu dukino!

IGICE CYA 2 IBITABO BIHARI (MU CYONGEREZA)




The Little Red Hen Makes a Pizza

Cyanditswe na : Philomen Sturges na Amy Walrod


Matthew and Tilly

Cyanditswe na : Rebecca C. Jones



A Letter to Amy


Cyanditswe na : Ezra Jack Keats



Dandelion

Cyanditswe na Don Freeman

Images downloaded from amazon.com



Ibindi umuntu yasoma muri uku kwezi :

Shape Capers Cyanditswe na : Cathryn Falwell

Hooray, A Pinata Cyanditswe na : Elisa Kleven

Every Buddy Counts Cyanditswe na Stewart J Murphy

Indirimbo, udukino tw'amagambo n'inyuguti

Bahe aka karirimbo kabafasha kujya basubiramo amajwi asa tuziga muri uku kwezi. Ni umwitozo uryoshye urebana no kubara !

Pome 5 ziryoshye cyaneee

Hari pome 5 ziryoshye cyaneee , (izina ry'umwana) aryamo imwe, ubwo hasigaye 4

Hari pome 4 ziryoshye cyaneee, ziteye amashyushyu (izina ry'umwana) aryamo imwe, ubwo hasigaye 3

Hari ipome 3 ziryoshye cyaneee, (izina ry'umwana) aryamo imwe, ubwo hasigaye 2

Hari pome 2 ziryoshye cyaneee mbega kuzibona ukamira amazi , (izina ry'umwana) aryamo imwe, ubwo hasigaye 1

Hari pome 1 riryoshye cyaneee mbega kuyibona ari yonyine ukamira amazi, (izina ry'umwana) arayirya ubwo hasigaye ubusa!

Mucuruzi, Mucurzui jya kurangiua izindi- Iyo tuje mu iduka turishima iyo tuguze ipome!!



Image from Pixabay

Reba akandi gace : hari indi myitozo bakorerwa mu rugo



Dore indi myitozo yafasha abana kwigira mu rugo!

Uyu ni umwitozo ufasha abana kwigira neza kwandika, ubugeni, n'ibirebana n'imibanire

Gukora ikarita

Fasha umwana wawe gukora no gushyira amabara ku ikarita azoherereza inshuti ye!

Fata ibishushanyo biri mu kinyamakuru ubikate, ubishushanye unashyiramo amabara ubishyire ku rupapuro wazinzemo kabiri. Wafasha umwana kwandikamo amazina y'inshuti ze ndetse n'aye!

Uyu ni umwitozo ufasha abana kwigira neza kwandika no kumenya uburyo bwo kwigira

"Ritangizwa na..." Umuhigo w'utwara imyanda

Saba umwana ashakishye mu nzu cyangwa hanze ibintu bivugwa ijwi rya mbere risa n'iryo wamubwiye.

Urugero: saba umwana wawe gushaka ikintu gitangizwa n'ijwi (tttt). Babona nk'ijambo telefone. Mu gihe baba bakeneye ko ubafasha, wababwira bagahitamo hagati ya telefone na dushe kuko byenda kuvugwa kimwe.

Uyu ni umwitozo ufasha abana kwigira ibirebana n'imibanire, ururimi, gusoma no kwandika n'imibare

Kujya ku isoko

Mwaba mufite iduka cyangwa butiki hafi aho mutuye? Saba umwana agufashe gukora urutonde rw'ibyo mushaka kugura ashushanye ibyo mugomba kugura cyangwa afate urupapuro biriho acemo uduce turiho ibyo bintu. Mujiyane kubigura ugende umwerekana ibintu bishyashya. Ugenda umwerekana ibyo yashyize ku rutonde. Ugenda ukoresha amagambo asobanura ibintu: kiremereye, gikomeye, cyorohereye iyo ugikozeho, kitaremereye. Uko muguze mugende mu bibara mwembi.



Image from Pixabay

Uburyo bwo kuvuga no gusomera hamwe

Uko utangira:

- Ni ikihe gice cy'inkuru ukunda?
- Ni ikihe kintu cyabanje kuba mu nkuru?
- Ni iki wumva kizakurikiraho?

Icyo ababyeyi imiryango bagomba kumenya: Ni ukubera iki udukino ari ingenzi?

Ibintu bikurikira byavuye mu "bintu 10 Umubyeyi wese agomba kumenya ku dukino" byanditswe na Laurel Bongiorno, ufite impamyabushobozi y'ikirenga ya PhD (<https://www.naeyc.org/our-work/families/10-things-every-parent-play>)

Udukino ni ikintu kibereye umwana mu kwigira.

Abana babasha gushimangira neza imyigire yabo mu tuntu dutandukanye bakora mu dukino. Udukino tubaha umwanya n'uburyo bwo kwigira ibyo batari kubashaa gukora ku rupapuro rusanzwe. Urugero: mu gukora agakino karebana na resitora, umwana arandika akanashushanya ibigomba kuribwa, agashyiraho ibiciro, Akaka ibyo akeneye, kandi akareba ko byagenze gutyo. Udukino dufasha abana kwigira cyane kandi tugatuma abana batsinda neza bakigirira n'icyizere.

Gushaka umwanya w'udukino .

Ababyeyi ni bo bantu ba mbere barebwa no gufasha abana mu myigire yabo. Mugomba kugerageza kubabonera umwanya uhagije wo gukina buri munsu kugira ngo bazabashe gutera imbere mu bwenge, mu rurimi, mu mbaraga, mu mibanire, ndetse no mu marangamutima yabo.